NUBERANGEYO Antoine
Assesseur mu Rukiko
rwa Kanto Cyarwa
BUTARE

Butare, kuwa 02 Nzeli 1972

Bimenyeshejwe:
-Nyakubahwa Prezida wa Republika
y'u Rwanda
KIGALI

Impamvu:
Gusaba kumvanaho
igihano cyo guhagarikwa
ku mulimo.

-Nyakubahwa Ministre w'Ubutegetsi
n'Ubucamanza
KIGALI

Kuli Nyakubahwa Prezida w'Urukiko
rw'Ikirenga
NYABISINDU

Nyakubahwa Prezida,

Mbandikiye uru rwandiko mbitewe n'akarengane nagiriwe na Bwana Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'i Butare ku itariki 28 Kanama 1972 ampagarika k'umurimo ashingiye ku mpamvu zitari zikwiye kumpagarika k'umurimo.

1) Avuga ko nafashe urubanza rwa Bisetsimandwa na Murangi nkaruhisha ngo nanga ko rusomwa. Urwo rubanza ko arijye waruburanishije ndi Prezida w'Umusigire, bishoboka bite ko nari kuruhisha. Ahubwo narubitse mu Rukiko nkuko nsanzwe mbika izindi manza, mbitewe nuko nagombaga kubanza gusuzuma ko rwanditswe neza nkarusinya rukabona gusomwa.

2) Avuga ko Juji-Prezida Gahama Yozefu yari yarushinze Assesseur Cyaminani kuba ariwe urwandika; kò urwo rubanza rwaburanishijwe ku itariki 19 Nyakanga 1972 Gahama ataratangira gukora, bishoboka bite kuba ariwe wari kurushinga umuseseri kurwandika rwarabura-nishijwe adahali! Nijye wagombaga kurumushinga akarwandika kuko arijye twafatanyije kuruburanisha ndi na Prezida muli urwo rubanza. Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo, mbere yo kumpagarika yari akwiye kubanza kumenya icyatumye Juji-Prezida Gahama yivanga mu iby'urubanza ataburanishije, angondera mu nzira zo guca urubanza uko ashaka kandi ataruburanishije.

3) Avuga ko nasuzuguye Juji-Prezida Gahama, ngo mfata dosiye nyimarana

iminsi ibili; ibyo yita gusuzugura nuko nanze gusinya kuli minute y'ica ry'urubanza Gahama yari yahinduje urwo nari narangije kwandika kandi atari yaburanishije urwo rubanza. Ibyo byose Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo ashingiraho kumpagarika ntabwo byabayeho,ahubwo abiterwa no gushakashaka impamvu yitwaza kugirango amvane ku mulimo kugirango aneseze amacuti ye yifuza ko ntaguma ku mulimo. Iyo munyangire ikaba itari ikwiye kubaho m'Ubucamanza. Avuga ko natwaye dosiye akirengagiza ko kuva m'ukwezi kwa Nyakanga na Kanama 1972 nta dosiye twari dufite. Icyo nabitse ni minute y'urubanza bari bampaye gusinyaho ngo rusomwe.

4) Avuga ko narwaniye mu Rukiko ngo kandi nkiba dosiye y'urubanza.Ntawe twarwanye kandi nta dosiye nibye. Ndasaba ko muzareba anketi Prezida w'Urukiko rw'Iremezo yakoze ku itariki 28 Kanama 1972 muzasanga Assesseur Cyaminani yaravuze ko yansanze hanze kunyaka urubanza ngo atumwe na Juji-Prezida Gahama,muzabona kandi ikibazo Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo yamubajije icyatumye ansanga hanze akamusubiza ko yahansanze ngo kunyaka urubanza Juji-Prezida Gahama yari yamushinze,icyo kibazo n'igisubizo bikaba bivuguruza kuba nararwaniye mu Rukiko nkuko Prezida w'Urukiko rw'Iremezo abyibandaho mu cyemezo cye kimpagarika ku mulimo.
Niba naranze gusinya kuli minute y'ica ry'urubanza rwahinduraga urwo nari narangije gucą nkayibika,kuki Prezida w'Urukiko rw'Iremezo Bwana NDIKUBWIMANA Callixte abihindura avuga ko nibye dosiye akanga gukurikira na kureba aho ibyo bitera amahane bituruka kandi akirengagiza urwandiko nº 106/R.A.ASS rwo kuwa 24 Kanama 1972 namwandikiye mumenyesha ko Juji-Prezida Gahama yampinduriye urubanza naciye akaruca bundi bushya uko abyifuza kandi ataruburanishije.

Urubanza umucamanza yabereye Prezida arwiba ngo arugire ate! Bishoboka bite kurwiba kandi ruramutse rubuze ariwe warubazwa,ndetse n'ababuranyi niwe barurega bakurikije ingingo ya 254 y'Itegeko ryo kuwa 15 Nyakanga 1964 rishinga imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucurusi.

Iyo mvururu Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo avuga ituruka k'urubanza naburanishije nsimbuye Juji-Prezida NGIRABAKUNZI Fidèle ku itariki 19 Nyakanga 1972,rucibwa ku itariki 12 Kanama 1972 Gahama amaze gutangira umulimo,ndarumuha mwandika mu gitabo cyandikwamo imanza zimaze gucibwa,hashize iminsi 6 ubwo hari ku itariki 19 Kanama 1972 ntangira kurusomera ababuranyi, Juji-Prezida Gahama ambuza kubasomera ngo antegeka kuruca ukundi ngo hatsinde Bisetsimandwa kandi jye n'abaseseri twari twafatanyije kuruburanisha no kuruca twari twasanze buri muntu afite ibyo atsindirwa. Icyo gihe nabikoze uko ashaka,nabyo arabyanga, minute yanjye arayibika,noneho urubanza arushinga Assesseur Cyaminani kurwandika bundi bushya aliko ku buryo ntongeye kumenya icyo barwemejeho

ubwabo.

Ku itariki 26 Kanama 1972 nariho nsoma imanza,Assesseur Cyaminani ari muri Greffe ampamagara gusinya k'urubanza Juji-Prezida Gahama yahinduje urwo nari narangije guca,mubajije minute yurwo naciye ambwira ko ifitwe na Juji-Prezida Gahama,iyo minute yabo mpita nyibika mubwira ko nzasinya mbanje kurusoma ndebye uko baruhinduye,ubwo ansiga muri Greffe ajya kubwira Gahama ko nanze kurusinya ndubitse,nawe amusubiza ko aza kurunyaka ku ngufu mbyumvise nigira hanze ariko ntarujyanye. Maze kuhagera Juji-Prezida Gahama na Assesseur Cyaminani barahansanga, abwira Cyaminani kumfata,icyo gihe afata ikoti ngo ninze njye kurumuha, ndamwiyaka,mubwira ko ajya kurwiha aho narubitse muri Greffe kuko narubitse abireba. Icyo bampatiraga ni ugusinya kuri urwo rubanza rwahinduraga urwo nari naciye.

Urubanza Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo ashingiraho ampagarika ku murimo avuga ko narwibye rufite impamvu nyinshi zigaragaza ko Juji-Prezida Gahama yarubayemo umugambanyi. Nagiye gukora anketi y' urwo rubanza arankurikira atari yararuburanishije mbere.Ubwo se yarujemo ali Prezida muli urwo rubanza, cyangwa yari assesseur! Indi mpamvu nuko ababuranyi bombi baje gusomerwa urubanza ku itariki 19 Kanama 1972 akambuza kurusoma akabacyura, minute akayinyima n'ubu akaba yaranze kuyigaragaza ahubwo agahitamo kurushinga assesseur Cyaminani kuruca bundi bushya.Indi mpamvu nuko yantegetse kuruhindura ngo mvuge ko hatsinda Bisetsimandwa,kandi atariko twari twaruciye jye hamwe n'abacamanza twari twafatanyije kuruburanisha.

Aliko se kuki Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo abera bigeze aha! Gahama ubwe ariyemerera ubwe ko yagiye gukora anketi y'urubanza ataburanishije,akiyemerera kandi ko yarushinze aseseri Cyaminani kuruca,ibyo ntibigaragaza ko ibyabaye byose muri urwo rubanza byatewe na Juji-Prezida Gahama,wivanze m'urubanza ataburanishije. Niba ayobora Urukiko,ashobora no gutegeka umusigire we uko aca urubanza yaburanishije adahari.

Ko Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo yarazi ko namwandikiye urwandiko n° 106/R.A.Ass. rwo kuwa 24 Kanama 1972 mumenyesha ukuntu Juji-Prezida Gahama yasheshe urubanza naciye akaruca bundi bushya,ari narwo rutera amahane kubera we,kuki yirengagije iyo nyandiko,ntabanze kuyitangira igisubizo,ni ukuvuga ko iby'urwo rubanza birangijwe no kumpagarika k'umurimo.

Maze imyaka 10 nkora umurimo w'Ubucamanza,muriyo myaka yose abo twakoranye bantegeka ntawigeze kumpa igihano mu bihano biteganyijwe na statut igenga Abacamanza, ndetse na Prezida w'Urukiko rw'Iremezo nta gihano yigeze ampanisha,nkibaza ukuntu yaje akubita nk'inkuba akampagarika k'umurimo ashingiye ku makosa yatewe na Juji-Prezida Gahama,aga-

shingira no ku ngingo ya 211 y'Itegeko ryo kuwa 15-7-1964 rishinga ihiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi, kandi iyo ngingo ihana ababuranyi iyo bateye imvururu mu rukiko igihe cy'iburanisha, kandi nta mvururu nateye mu rukiko,kandi nuwo bavuga ko twaba twarateye amahane yivugira ko yansanze hanze. Mushatse kubikurikira kugirango mumenye ukuri kwabyo,nagaragaza amazina y'abantu bari bahari,basi ko ntacyo nakose kuri aseseri Cyaminani,naho imvugo z'abo dukorana ntabwo nyemera kuko bavuga ibyo Juji-Prezida Gahama ashaka kuko anketi Prezida w'urukiko rwa Mbere rw'Iremezo yakoze,yabajije abantu dukorana kandi ababariza hamwe adaheje bose bakurikiza ibyo Gahama yavuze kuko bari babyumvise,kandi nabo bababaza ahari. Ntabwo bashoboraga kunyuranya nawe kugirango atazabakurikirana kandi yarifuzaga ko ntsindwa kubera urubanza nari mamurese yahinduye,kandi ataruburanishije.

Kubera ko nsanga nararenganye,ndasaba ko mumvanaho icyo gihano cyo kumpagarika k'umurimo nahanishijwe na Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'i Butare mu icyemezo cye nº 01/72 cyo kuwa 28 Kanama 1972.

Assesseur mu Rukiko rwa Kanto Cyarwa,

RUBERANGEYO Antoine.-

[signature]